

NESA2026NESA2026NESA2026NESA2026NESA2026NESA2026NESA2026NESA2026NESA2026

UWANZE KUMVIRA SE NA NYINA ...!

Umugabo Tereriyo yabyaye abana asiga no kubyara abyara uruhuri. Tereriyo yabyirutse asoma Bibiriya; kubera akamenyero, yari yarafashemo ibango rigira riti: “Mubyare mwororoke mwuzure isi muyitegeke mungane n’umusenyi wo ku nyanja”. Tereriyo yakwitonga, akitongana iyo mvugo. Aho abyariye abana, barakura baragimbuka, bakoma inkanda ya se; ngo nta nyana yima nyina akabara! Imvugo ya se ibamera mu kanwa, uvutse wese akaba azi ko mu mishinga ibaho uwa mbere ari ukororoka isi igakwirwa. Ugira ngo se Tereriyo yari muntu ki ko atagiraga n’urwara rwo kwishima! Yari umutindi urya aciye inshuro, yayibura agasonza. Yabaye imbata y’akabari kuva akivuka, ijisho rye ntiritane no kwifuza abagore n’abakobwa b’imuhana. Yabyariraga akarere ibintu bigacika; rubanda bari baramugize urw’amenyo.

Umukobwa we Nagahire ariko yumvaga imvugo ya se idakwiye kuko isi dutuye itabitwemerera; amasambu yabaye ntayo, ubutaka bwaragundutse; mbese muri make nta bushobozi buhagije ababyeyi bafite bwo gutunga abo babyaye ku buryo buhagije. Ababyeyi be, bene nyina, basaza be ndetse n’abaturanyi yahoraga iteka abashishikariza kumenya ubuzima bw’imyororokere, kuringaniza urubyaro no kubyara abo bashoboye kurera. Igihe cyose yabaga afashe akanya ko kugira icyo abwira abo mu rugo basangiye gupfa no kubaho yasaga n’ucurangira abahetsi. Nagahire yari umwari w’umutima, atekereza kuzaba inyamibwa ikunda u Rwanda ikarurerera, izahekera u Rwanda rwa Kanyarwanda. Igihe cy’ubwangavu bwe yagikoresheje neza kuko we yari yaragize amahirwe yo kwiga nibura ikiciro cya kabiri cy’amashuri yisumbuye. Iyo mu rugo babaga bateranye bamwitaga umuzungu munyaburayi. Nagahire yari afite ubumenyi ku buzima bw’imyororokere, akamenya kwitwararika ntamere nka ba bakobwa rugabishabirenge bafite intero igira iti: “Ushaka umushaka asanga umweko woroshye!” Aba bagira ubuntu butiza urugi, Nagahire yabagiraga inama, harimo bene nyina na basaza be kuko yabonaga barigize ibyangamibyizi, bamwe muri bo bajya guhaha no kwihahisha muri Kigali yateye, bakamutera utwatsi. Indwara zifata imyanya ndangabitsina harimo SIDA, kandidoze, imitezi, mburugu, uburagaza n’izindi yabisobanuraga kurusha ahari n’ababyize i Buraya.

Rimwe nimugoroba, Tereriyo agandagaje ku kabari yicira isazi mu jisho, abona umukobwa we Bahire ku muhanda. Umusatsi wari waracuramyeye, uruhu

rwarahindutse nk'urw'igikeri, ibiro byinshi yapimaga ni mirongo itatu. Nyamukobwa bamukurikije uruzingo. Uwari uzanye Bahire arembuza Tereriyo; nyamugabo aza hutihuti n'ibikote bye bidaherutse irizi. Uwo mugiraneza asuhuza Tereriyo, amusobanurira uko yataruye umukobwa we. Aratangira ati: "Bahire yabaga mu Biryogo ya Kigali hafi y'aho ntuye. Nijoro rero harwaniyeyo insoresore zari zaje kumureba, zateranye ibyuma n'amacupa abantu barahurura. Nge ntabara nk'ushinzwe umutekano, nkihagera narabutswe Bahire bavuga ko ari we nyirabayazana. Naje gusanga ntacyo yahanishwa kuko n'ubundi nasanze ari nyakwigendera. Yewe namubonye ntererayo utwatsi."

Ubwo Tereriyo yarimo yiyumvira, inkuru igicutsa akangukira hejuru nk'uhanzweho na Sekibi ati: "None se uramuzanye ngo tumwondoze iki? Ubu turahonda inguri, twabuze ibihandahanda by'insina ngo tubeshye mu nda. Ko nta n'aho dufite turanduza imirondorondo y'ibijumba turabandwa iza he ko n'abaduhatse inka zaranze kubera kubura uruhira, tugenze dute ko ubu duhonda intozi mu ngo iyo iwacu! Hatarashira akanya, imbangukiragutabara, iti: "Bibiii!" Abantu bakiva mu nzira barivugisha bati: "Tubonye Mfabakuze mukuru wa Bahire aryanye muri iriya modoka!" Na we yari yarahuye n'uruva gusenya, cya cyago SIDA cyaramwigirijeho nkana. Abari mu gasanteri baherekeza Tereriyo bamurema agatima bagira bati: "Ihangane iyi si ni ko imeze, isi irisa; uko twayisanze yuzuyemo imisaraba n'amakuba ntaho byimukiye."

Bahire yari umwana wa karindwi mu nzu ya se. Nagahire akaba Karenzo, abandi Nyabyenda na Nyamwasa bo bari barafumbiye iminaba bakiri bato, bahambanwa ikara kubera ko batashoboye kwitwararika mu bugimbi bwabo. Bapfuye bazize kwiyandarika, SIDA n'uburagaza byari byarababayeho nk'akaremo n'umuse; babikijijwe no kwitahira! Indwara zirakenesha, zirahemuza, zitesha agaciro.

Abana ba Tereriyo bohotse bakaba ingegera zo mu mugwi bwacya zigatahukana za kabutindi ntibigeze bumva inama z'abakuru n'abandi babatanze kubona izuba. Ngo uwanze kumvira se na nyina yumvira ijeri. Tubanze twimenye, tumenye ibice bigize umubiri wacu n'imikorere yabyo, uko umubiri ushobora kwivumbura mu kigero runaka umuhungu akaniga ijwi, akaba yatangira kwirotaraho ari cyo kimenyetso ko yaterera inda igihe n'imburagihe, akaba yamera ubwanwa, impwempwe, inshakwaha, agasesa ibishishi, n'ibindi. Umukobwa na we watangiye kujya mu mugongo akamenya ko ashobora gusama igihe akoze

imibonano mpuzabitsina idakingiye, ko kumera amabere, kubyibuha amatako n'ibibuno akamenya ko ari ibimenyetso by'ubukure ku mubiri, ko kwitereza ibyonnyi byo hanze aha bifite ingaruka ku buzima. Uzi gutangira kuzuza inshingano z'abakuru uri umwana! Guhaha, gutanga indezo ku mwana wabyaye hanze kandi nta rwara rwo kwishima wigirira n'ibindi ni ukubona irya mugani.

IGICE CYA MBERE: KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO

(AMANOTA 25)

1) Zengurutsa akaziga ku gisubizo cy'ukuri.

(amanota 4)

(i) Uyu mwandiko ni bwoko ki?

- (a) Umwandiko ntekerezo
- (b) Umwandiko mvugamiterere
- (c) Umwandiko mvugamateka
- (d) Umwandiko mbarankuru

(ii) Ni iki Tereriyo yifuzaga kugeraho mu buzima bwe?

- (a) Kubyara abana benshi.
- (b) Kugira ubuzima bwiza.
- (c) Kubyara abana bake.
- (d) Kugira imibereho myiza.

(iii) Kuvuga ko abana bakomye inkanda ya se bishatse kuvuga iki?

- (a) Ko bahisemo kwambara imyenda ya se.
- (b) Ko bakurikije ingeso za se ubabyara.
- (c) Ko bahisemo guturana na se na nyina.
- (d) Ko bahisemo guhora ku kabari nka se.

(iv) Nagahire yigishaga iki abandi?

- (a) Gufata inshingano za kibyezi hakiri kare.
- (b) Gukora imirimo ishobora kuzanira inyungu umuryango.
- (c) Kuringaniza imyaro n'ubuzima bw'imyororokere.
- (d) Kwihangira imirimo no guhanga kiyambere kugira ngo babeho neza.

2) Subiza ukoresheje “**Ni byo**” cyangwa “**Si byo**” ukurikije ibivugwa mu mwandiko. (amanota 5)

- (a) Tereriyo yakurikije ihame ryo kubyara akuzuza isi. _____
- (b) Nagahire yari yaranduye Virusi itera SIDA. _____
- (c) Bahire yashishikarizaga ababyeyi be kuboneza urubyaro. _____
- (d) Nagahire yari umwari w’umutima yari yaragize amahirwe yo kwiga. _____
- (e) Izina Nyamwasa rivuga umwana wa munani mu muryango. _____

3) Uzurisha amagambo wakuye mu mwandiko. (amanota 3)

- (a) Bamuruye rw’inyoni mu murima w’umuceri.
- (b) Igitekerezo yatanze ni ku buryo bose bamuhaye amashyi.
- (c) Uyu munsu habaye umukwabu wo gufata zidafite ibiziranga.

4) Hitamo igisubizo gikwiye ukurikije ibivugwa mu mwandiko: (amanota 4)

(i) **Izina Karenzo rivuga umwana wa kangahe mu muryango?**

- (a) Uw’uburiza
- (b) Uwa gatandatu
- (c) Uwa kenda
- (d) Uwa cumi n’umwe

(ii) **Ni iki Nagahire yabonaga kitari kiza mu migambi ya se?**

- (a) Kubyara abo adashoboye kurera.
- (b) Guhinga ariko ntabone umusaruro.
- (c) Gukora cyane agataha yananiwe.
- (d) Korora amatungo magufi.

(iii) **Ni iki kerekana ko Tereriyo yari abayeho nabi?**

- (a) Yahoraga asoma Bibiriya arebamo amahame amurengera.
- (b) Yaryaga aciye inshuro kandi yari imbata y’akabari.
- (c) Yaryaga aciye inshuro kandi agakunda gusenga
- (d) Yari umusinzi ariko agakunda kujya mu rusengero.

(iv) Ni iki kerekana ko Nagahire yari umwari w'umutima?

- (a) Ni ibikorwa by'isuku byamurangaga aho ari hose anabikangurira abandi.
- (b) Ni ukujya mu mahuriro y'urubyiruko anabakangurira kwita ku buzima bw'imyororokere.
- (c) Ni ugukangurira abavandimwe be kwita ku nama bagirwa n'ababyeyi babo.
- (d) Ni inama yagiraga abantu batandukanye kandi na we ubwe akazikurikiza.

5) Andika amagambo ahuje ibisobanuro n'aya dusanga mu mwandiko:

(amanota 4)

- (a) Bakurikiza imico, imigenzereze y'ababyeyi:
- (b) Abantu badashaka kugira icyo bakora:
- (c) Umuntu utanga atitangiriye itama, utanga byose :
- (d) Nkurayo amaso, ndabyihorera:

6) "Ushaka umushaka asanga umweko woroshye!" byaba bishatse kuvuga iki?

(amanota 2)

.....

.....

.....

.....

.....

7) Garagaza ingorane eshatu (3) urubyiruko rushobora guhura na zo mu gihe rwishoye mu mibonano mpuzabitsina y'imburagihe.

(amanota 3)

.....

.....

.....

.....

.....

IGICE CYA KABIRI : IKIBONEZAMVUGO (AMANOTA 25)

- 8) Emeza cyangwa uhakane ukoresheje « **Ni byo** » cyangwa « **Si byo** » ugendeye ku **bwoko bw'amagambo** atsindagiye. (amanota 5)

Bahuriye mu nzira aramubwira ati: « **Have** genda **ma! Ibyawe** turabizi ! » Ni ko kumusubiza ati : « **Eheeee!** Aranyica noneho we! Ese burya byaramenyekanye ! » Bakimara gutandukana abwira mugenzi we ati : « Wowe uriya ntumuzi ; agira urusaku rwinshi **boshye** isandi. »

- | | |
|--------------------------------|---------------|
| (a) Have: ikinyanshinga | <u>Ni byo</u> |
| (b) ma: akamamo | <u>Si byo</u> |
| (c) ibyawe: ikinyazina ngenera | <u>Si byo</u> |
| (d) Eheeee: irangamutima | <u>Ni byo</u> |
| (e) Boshye: icyungo | <u>Ni byo</u> |

- 9) Zengurutse akaziga ku gisubizo cy'ukuri ugendeye ku **turemajambo** tw'amagambo atsindagiye. (amanota 5)

- (i) Karera **ajya** ku kazi buri muni.

- (a) ajya: a-a-gi-a
(b) ajya: a-ø-jya-a
(c) ajya: a-ø-gi-a

- (ii) Aramubwira ati: « **Mpa** icyo gitabo nisomere. »

- (a) mpa: ø-ø-n-ha-a
(b) mpa: n-ø- ø -ha-a
(c) mpa: ø-ø-n-h-a

- (iii) **Uwo** mwana namubonye.

- (a) Uwo: u-w-o
(b) Uwo: u-wo-o
(c) Uwo: u-u-o

- (iv) Abandi babyeyi bakunda abana **babo**.

- (a) babo: ba-ø-ba-o
(b) babo: ba-a-ba-o
(c) babo: ba-a-ba-ø-o

(v) Amusubiza ko afite inzara **ndende**.

(a) ndende: n-re-n-re

(b) ndende: n-de-n-de

(c) ndende: n-ø-re-n-ø-re

10) Subiza ukoresheje “**Ni byo**” cyangwa “**Si byo**”. (amanota 5)

(a) Ikinyazina gishobora kugaragira izina cyangwa kikarisimbura.

Ni byo

(b) Ikinyazina mbanziriza kigira igicumbi -o na -a.

Si byo

(c) Ikinyazina ngenera kigira ibicumbi bibiri: - a na - o.

Ni byo

(d) Igicumbi k'ikinyazina mboneranteko gihora ari -a uretse mu nteko ya mbere.

Ni byo

(e) Ibinyazina byose bishobora kugira indomo.

Si byo

11) Zengurutse akaziga ku gisubizo cy'ukuri ushingiyeye ku **mizi/ibicumbi** y'amagambo atsindegiye. (amanota 5)

(i) Uyu mukobwa **bazamukwa** inka umunani.

(a) bazamukwa: -ko-

(b) bazamukwa: -kwa

(c) bazamukwa: -uk-

(ii) Uwo **mwonse** rimwe araje.

(a) mwonse: -onse

(b) mwonse: -ons-

(c) mwonse: -onk-

(iii) **Uwo** munsi bose bari babukereye.

(a) uwo: -ø

(b) uwo: -o

(c) uwo: -wo

(iv) Iyo modoka **yavaga** mu mudugudu wacu.

(a) yavaga: -vu-

(b) yavaga: -va-

(c) yavaga: -vag-

(v) Hari ibiyaga bibamo amafi **menshi**.

(a) menshi: -enshi

(b) menshi: -insh-

(c) menshi: -inshi

12) Subiza ukoresheje “**Ni byo**” cyangwa “**Si byo**” ugendeye ku **bwoko bw’amagambo** atsindegiye. (amanota 5)

(a) Burya koko **abatabizi** bicwa no kutabimenya! Ikegeranshinga Ni byo

(b) Rugayi aramutwama ati: "Genda, **dore** ko usa n’umusazi!". Ikinyanshinga Si byo

(c) Abari aho **bose** barumirwa bifata ku munwa. Ikinyazina Ni byo

(d) Aramubwira ati: “Bivuge **ga** kuko urimo kwigiza nkana.” Akano Si byo

(e) Umubyeyi gito arutwa n’umwanzi **gica**. Igisantera Si byo

IGICE CYA GATATU: UBUMENYI RUSANGE BW’URURIMI (AMANOTA 25)

13) Subiza ukoresheje “**Ni byo**” cyangwa “**Si byo**”. (amanota 3)

(a) Imimaro y’amafoto n’amashusho mu nkuru ni uko akurura abasomyi akanagaragaza ukuri kw’ibivugwa. Ni byo

(b) Abahanzi b’ibinyeto babitaga abiru. Si byo

(c) Inzira y’ishora yibutsaga iyimikwa ry’abami b’inka ari bo ba Mutara na Cyilima. _____

14) Simbuza amagambo ari mu dukubo andi yabugenewe: (amanota 4)

(a) Ko ziriya nyana ziri mu (nzu yazo) urubungore zakomeje (gusakuza) kwabira cyane aho ntizabuze ubwatsi?

(b) Buri gihe uko nyuze hano numva umugezi (uvuga) uruma nkabona (n’inyoni nyinshi) urururi mu biti bihegereye.

15) Andika amagambo yatsindagiwe ari mu nteruro zikurikira, ugaragaza ubutinde n'amasaku kandi ugabanya ibimenyetso: (amanota 4)

- Ihene yange **itaka** ryayigiye mu jisho. Umva ukuntu **itaka**.
.....≠.....
- **Umuwure** wagwiriye umwana wange acika igisebe; genda **umuwure**.
.....≠.....

16) Emeza cyangwa uhakane ukoresheje “Ni byo” cyangwa “Si byo” ugendeye ku myandikire mu **nyandiko nyajwi**: (amanota 4)

- Impamvu [impʰaâmvù] Ni byo
- imvano [imvaânò] Si byo
- Nsabira [nsàširà] Ni byo
- gusya: [gwùskjà] Si byo

17) Huza abasizi n'ibisigo byabo **ukoresheje akambi**: (amanota 4)

Ibisigo	Abasizi
(a) Naje kubara inkuru.	(i) Mutsinzi
(b) None Imana itumije abeshi.	(ii) Ngogane
(c) Singikunda ukundi.	(iii) Sekarama
(d) Ndi intumwa y'abami	(iv) Mazimpaka

a → iii

b → i

c → iv

d → ii

- 18) Uzuza muri iyi ndanguruzi y'ubwumvane, amasano agenga ubwumvane mu misango y'ubukwe bwo gusaba. **(amanota 6)**

Iktivugwa:	
Uvuga:	Ingambo:
Ubwirwa:	Inzira :
Inkurikizo:	

IGICE CYA KANE : IHINAMWANDIKO N'IHANGAMWANDIKO (AMANOTA 25)

- 19) Hina uyu mwandiko “ **Uwanze kumvira se na nyina...!**” mu mirongo cumi n'itanu wubahiriza amabwiriza y'ihinamwandiko. **(amanota 10)**

.....

.....

.....

.....

.....

.....

.....

.....

.....

.....

20) Andika inkuru yo mu kinyamakuru muri uyu mwanya wagenwe, ugendeye ku miterere yayo. Ubare inkuru y'ibintu wahagazeho wowe ubwawe wumva wageza ku bandi. **(amanota 15)**

2025-2026-NESA (National Examination and School Inspection Authority) 026-Ipaji ya **13** kuri **16**

IKINYARWANDA II

026

11/07/2026 08:30 AM - 11:45 AM

IRAMU

LITERATURE IN ENGLISH - SPF NC

IKINYARWANDA IYIYI

igira kinyarwanda aya aya aya

Ipaji itanditseho ibibazo



Ipaji itanditseho ibibazo

QUALITY CHECK

C21: ✓